Résidence du Ruanda
Territoire de Ruhengeri
Chefferie du Bukenya
----
N° 58

Objet: Privation de Traitement
: du S-Chef Segahwege

) Suspension à prendre –

Kuli Bwana L'Administrateur wa Territoire

Ndabaramutsa-Muliho.

Nkulikije itegeko ryo kumunsi wa I4-7-52 rishinga imitegekere mishya ya Rwanda -Urundi kungingo ya 22 kukibezi cya 2 cyiryo tegeko

Ndasabira S-Chef SEGAHWEGE igihano cy'ibyerekeye umushahara we nkuko ingingo ya 2I niya 22 ibivuga.

**IMPAMVU**

I/ Ubu S-Chef Segahwege guhera muli Juin-Juillet kugeza muliki gice cya Août nta mulimo numwe yari yakora utunganye .

2/ Ubwanjye nagerageje kumuhana biba ibyubusa .

3/ Bwana Gillion Agronome O.C.I.R.U. ibyamutegetse byose ntacyo akora.-

a/ Zunguruka mumunsi kumbaho akoresha imambo 90-80 - 75 mukigwi cy'imambo nibura 500 cyangwa se 400 nk'abandi.

b/ Nagiyeyo kw'itariki 22-7-54 nsanga amaz'iminsi 7 adakora muli zunguruka.

c/ Nabaz'imambo z'igihe aherukira gukora yaranditse I32 mbaze mbona 90 gusa

d/ Kawa muli S-Chefferie ye nimbi rwose.

4/ Bwana Agronome yamupimiye aho bazahinga kawa muli 24-3-54 ageza muli Juillet ataracukura n'umwobo numwe-nawe kandi yamusanganye kawa mbi.

5/ Ahari amuhaye igihano kinini yashobora gukora kuko yahoze azi gukora rwose .

Dutahe cyane .

Gatonde le I4-8-54

Umtwale w'Intara

Bisalinkumi Canisio .

Ruhengeri
13346